

BISAMAZA Anne

1 D
38 P

Rapport

23 juin 1997

KIGALI, KUWA ~~23/6/97~~

BIRAVA: K'USHINZWE ABARI N'ABATEGARUGOLI
MU NGANDO ZOSE

BIRAJYA: K'UMUHUZABIKORWA WA KOMISIYO TEKNIKE
YO GUTEGURA NO GUSHYIRA MU BIKORWA
AMAHUGURWA Y'ABANYARWANDA BATAHUTSE VUBA


IKIVUGWAHO: RAPORO Y'ABARI N'ABATEGARUGORI

Hamaze gutegurwa no gushingwa ingando mu maperefegitura atandukanye, zateguriwe abanyeshuli batahutse vuba, hashyizweho n'umutegarugori ushinzwe gukurikirana imibereho y'abari n'abategarugori muri rusange: imibereho mu ngando, ibibazo n'ibyifuzo.

Ibyo byose murabisanga mu nyandiko zirambuye ngiye kubagezaho epfo.

Ushinzwe abari n'abategarugori

BISAMAZA Anne



TT131

INTANGIRIRO

Kuva hagati y'ukwezi kwa gatanu kugera mu mpera z'ukwa gatandatu, ingando zashinzwe mu maperefegitura icumi (10) ariyo: Butare, Gitarama, Gikongoro, Kibuye, Cyangugu, Kibungo, Byumba, Umutara, Kigali-Ngali na Kigali y'Umujyi.

Umubare w'abari n'abategarugori ni

Ingendo mu ngando: -Italiki 3/6/97 Nyagasambu
- 6/6/97 Byumba
- 13/6/97 Byumba
- 14/6/97 Umutara
- 15/6/97 Gitarama
- 18/6/97 Nyagasambu

1. MU NGANDO NAGIRANYE IKIGANIRO N'ABARI N'ABATEGARUGORI

Nyuma y'ingendo ziruhije bagize bahunga, bageze mu makambi: Mugunga, Gatara n'ahandi muri Zaïre: abari bari batakaje ababyeyi, abapfuye bagenda, abatandukanye nabo, bakabura muri iryo hunga, n'abategarugori batari bafite abagabo bagiye bisunga abamenyi bahuriye mu mayira, bahuye n'ingorane zo kutagira agaciro n'icyumahiro:

- Batewe inda n'abasirikare n'abasore b'interahamwe ku ngufu, bakoresheje kwitwikira amajoro no kwambara imyambaro ibahisha mu maso (masque) kugirango batamenyekana, bikaba ngombwa kubafasha mu bihe bikomeye by'uburwayi cyangwa batwite.
- Impunzi zose ntizahabwaga ibizitunga bihagije kuko abakuru baragurishaga ngo bagure i ntwaro zo kuzatera u Rwanda.
- Abari Tanzanie bo muri rusange bagombaga kwishakaho amafaranga y'umusanzu nawo wari ugamije kugurwa intwaro byari itegeko.

2. IMIBEREHO MU NGANDO

Abategarugori bagize ibibazo by'abana: amata, ibiryo, imyambaro, ibyo kuryamira banyina nabo bakeneye Cotex.. Ibyo, Minisiteri y'Umuryango, Uburinganire n'Imibereho Myiza y'Abaturage yashoboye kuduha inkunga n'ubwo itahagije, cyane cyane Cotex yabaye nke ihabwa ingando imwe ya Gitarama.

Nashoboye gukemura ibibazo: amata n'ibiryo by'abana byarabonetse kandi bitekerwa ahabyo, kandi ukwabyo.

Ibiryamirwa byarongererwe: ibyo abari bakuriye ingando, barabyubahirije mu ngando zose.

3. IBYIFUZO BY'ABATEGARUGORI

Abo twavuze haruguru badafite imiryango kandi bafite abana batazi base:

- Bifuza gushakirwa mu mashuri, bagakomereza aho bari bageze, kandi bishobotse kwigira hafi y'aho bakomoka, kugirango bashobore no gukurikiranira hafi ababasigararira abana.
- Abandi bifuza gushakirwa imirimo kugirango bategure ibyo gusigira abana no kugura ibikoresho bazakenera bagiye gukomeza amashuri. Umubare wabo muri ibyo byiciro ni 350.
- Ingamba twafashe zizakomeza ingando zirangije: Twatoye umutegarugori umwe muri buri ngando akazahagararira abandi, bakazajya bahura bakungurana ibitekerezo, bashingiye ku ntango bakuye mu ngando. Abo ni aba:

AMAZINA	KOMINI	PEREFEGITURA
1. GAHONGAYIRE M. CHANTAL	NYAMAGABE	GIKONGORO
2. NYIRAMANA MEDIATRICE	HUYE	BUTARE
3. NSANZABERA KAMUGORE	CYUMBA	BYUMBA
4. MURAYIJE MARIA		GITARAMA
5. UMUTESI GERARDINE		KIBUNGO
6. MUKABUSUGU ADELIA		CYANGUGU
7. UWIMBAZI BERETILDE	KIVUMU	KIBUYE
8. MUKAGASHONGA VENANTIE	MARABA	KIGALI-NGALI
9. UWIMANA IMMACULEE	KANOMBE	KIGALI-NGALI
10. KAYITESI GRAUDIOSE	MURAMBI	UMUTARA

Inama yo guhuza abo batowe iteganijwe mu mapera z'ukwezi kwa karindwi.

4. IBINDI BIBAZO MU KAZI:

Mu ngando y'Umutara, umukobwa yakuyemo inda abishaka, abari bashinzwe ingando baramuvuje nyuma afatirwa ibyemezo byo kujyanwa kuri brigade kugirango abere abandi urugero rw'abazongera kugira icyo gikorwa kibi. Mu ngando ya Byumba naho umugore yabyaye umwana aramwica. Nawe yaravujwe hanyuma arahamwa muri brigade.

Kubera ikibazo cya Transport, sinashoboye gukurikirana bihagije kandi hose, ibyo bishobotse transport ikaboneka imirimo yagenda neza birenze aho.

5. UMWANZURO:

Inyigisho zagenze neza muri rusange. Ubusabane bw'abari mu ngando bwose, n'ibiganiro, biratanga icyizere cy'u Rwanda rwiza mu gihe kiri imbere. Abari mu ngando banyijeje ko bajyanye ubutumwa bwiza.

Nkaba nsaba Komisiyo na Leta kuzirikana ibyo mbagejejeho ku ruhande rw'abahugura n'abahugurwa mu ngando.

Nshoje nshimira Leta na Komisiyo yayifashije gutegura izi ngando, zizagira umusaruro ushimishije mu rubyiruko, arirwo Rwanda rw'ejo.

Ushinzwe abari n'abategarugoli

BISAMAZA Anne



KIGALI, KUWA 23/6/14

BIRAVA: K'USHINZWE ABARI N'ABATEGARUGOLI
MU NGANDO ZOSE

BIRAJYA: K'UMUHUZABIKORWA WA KOMISIYO TEKNIKE
YO GUTEGURA NO GUSHYIRA MU BIKORWA
AMAHUGURWA Y'ABANYARWANDA BATAHUTSE VUBA


IKIVUGWAHO: RAPORO Y'ABARI N'ABATEGARUGORI

Hamaze gutegurwa no gushingwa ingando mu maperefegitura atandukanye, zateguriwe abanyeshuli batahutse vuba, hashyizweho n'umutegarugori ushinzwe gukurikirana imibereho y'abari n'abategarugori muri rusange: imibereho mu ngando, ibibazo n'ibyifuzo.

Ibyo byose murabisanga mu nyandiko zirambuye ngiye kubagezaho epfo.

Ushinzwe abari n'abategarugori

BISAMAZA Anne



TT131

INTANGIRIRO

Kuva hagati y'ukwezi kwa gatanu kugera mu mpera z'ukwa gatandatu, ingando zashinzwe mu maperefe giturura icumi (10) ariyo: Butare, Gitarama, Gikongoro, Kibuye, Cyangugu, Kibungo, Byumba, Umutara, Kigali-Ngali na Kigali y'Umujiyi.

Umubare w'abari n'abategarugori ni

Ingendo mu ngando: -Italiki 3/6/97 Nyagasambu
- 6/6/97 Byumba
- 13/6/97 Byumba
- 14/6/97 Umutara
- 15/6/97 Gitarama
- 18/6/97 Nyagasambu

1. MU NGANDO NAGIRANYE IKIGANIRO N'ABARI N'ABATEGARUGORI

Nyuma y'ingendo ziruhije bagize bahunga, bageze mu makambi: Mugunga, Gatara n'ahandi muri Zaïre: abari bari batakaje ababyeyi, abapfuye bagenda, abatandukanye nabo, bakabura muri iryo hunga, n'abategarugori batari bafite abagabo bagiye bisunga abamenyi bahuriye mu mayira, bahuye n'ingorane zo kutagira agaciro n'icyumahiro:

- Batewe inda n'abasirikare n'abasore b'interahamwe ku ngufu, bakoresheje kwitwikira amajoro no kwambara imyambaro ibahisha mu maso (masque) kugirango batamenyekana, bikaba ngombwa kubafasha mu bihe bikomeye by'uburwayi cyangwa batwite.
- Impunzi zose ntizahabwaga ibizitunga bihagije kuko abakuru baragurishaga ngo bagure i ntwaro zo kuzatera u Rwanda.
- Abari Tanzania bo muri rusange bagombaga kwishakaho amafaranga y'umusanzu nawo wari ugamije kugurwa intwaro byari itegeko.

2. IMIBEREHO MU NGANDO

Abategarugori bagize ibibazo by'abana: amata, ibiryo, imyambaro, ibyo kuryamira banyina nabo bakeneye Cotex.. Ibyo, Minisiteri y'Umuryango, Uburinganire n'Imibereho Myiza y'Abaturage yashoboye kuduha inkunga n'ubwo itahagije, cyane cyane Cotex yabayeye nke ihabwa ingando imwe ya Gitarama.

Nashoboye gukemura ibibazo: amata n'ibiryo by'abana byarabonetse kandi bitekerwa ahabyo, kandi ukwabyo.

Ibiryamirwa byarongererwe: ibyo abari bakuriye ingando, barabyubahirije mu ngando zose.

3. IBYIFUZO BY'ABATEGARUGORI

Abo twavuze haruguru badafite imiryango kandi bafite abana batazi base:

- Bifuza gushyirwa mu mashuri, bagakomereza aho bari bageze, kandi bishobotse kwigira hafi y'aho bakomoka, kugirango bashobore no gukurikiranira hafi ababasigararira abana.
- Abandi bifuza gushyirwa imirimo kugirango bategere ibyho gushyirwa abana no kugura ibikoresho bazakenera bagiyeye gukomeza amashuri. Umubare wabo muri ibyo byiciro ni 350.
- Ingamba twafashe zizakomeza ingando zirangije: Twatoye umutegarugori umwe muri buri ngando akazahagararira abandi, bakazajya bahura bakungurana ibitekerezo, bashingiyeye ku ntango bakuye mu ngando. Abo ni aba:

AMAZINA	KOMINI	PEREFEGITURA
1. GAHONGAYIRE M. CHANTAL	NYAMAGABE	GIKONGORO
2. NYIRAMANA MEDIATRICE	HUYE	BUTARE
3. NSANZABERA KAMUGORE	CYUMBA	BYUMBA
4. MURAYIJE MARIA		GITARAMA
5. UMUTESI GERARDINE		KIBUNGO
6. MUKABUSUGU ADELIA		CYANGUGU
7. UWIMBABAZI BERETILDE	KIVUMU	KIBUYE
8. MUKAGASHONGA VENANTIE	MARABA	KIGALI-NGALI
9. UWIMANA IMMACULEE	KANOMBE	KIGALI-NGALI
10. KAYITESI GRAUDIOSE	MURAMBI	UMUTARA

Inama yo guhuza abo batowe iteganijwe mu mapera z'ukwezi kwa karindwi.

4. IBINDI BIBAZO MU KAZI:

Mu ngando y'Umutara, umukobwa yakuyemo inda abishaka, abari bashinzwe ingando baramuvuye nyuma afatirwa ibyemezo byo kujyanwa kuri brigade kugirango abere abandi urugero rw'abazongera kugira icyo gikorwa kibi. Mu ngando ya Byumba naho umugore yabyaye umwana aramwica. Nawe yaravujwe hanyuma arahamwa muri brigade.

Kubera ikibazo cya Transport, sinashoboye gukurikiranana bihagije kandi hose, ibyo bishobotse transport ikaboneka imirimo yagenda neza birenze aho.

5. UMWANZURO:


Inyigisho zagenze neza muri rusange. Ubusabane bw'abari mu ngando bwose, n'ibiganiro, biratanga icyizere cy'u Rwanda rwiza mu gihe kiri imbere. Abari mu ngando banyijeje ko bajyanye ubutumwa bwiza.

Nkaba nsaba Komisiyo na Leta kuzirikana ibyo mbagejejeho ku ruhande rw'abahugura n'abahugurwa mu ngando.

Nshoje nshimira Leta na Komisiyo yayifashije gutegura izi ngando, zizagira umusaruro ushimishije mu rubyiruko, arirwo Rwanda rw'ejo.

Ushinzwe abari n'abategarugoli

BISAMAZA Anne



IGITERA RUSWA, KUNYEREZA NO GUTONESHA

- Ubukene bw'igihugu butuma abategetsu bashaka ahandi bavana umutungo.
- Kudakunda igihugu.
- Ubusambo
- Umuco utuma abantu bumva ko kubikora ntacyo bitwaye.
- Bamwe baba bashaka ikizabatunga nibiruka bakajya hanze bahunze igihugu cyabo.

Umuti wo kugabanya uwo mucu mubi

- Kwigisha abantu cyane cyane urubwiruko nyarwanda bakumva ko iyo migilire iyiye guhagarara.
- Gushyiraho amategeko ahana abo bese babikora
- Gushyiraho uburyo bwo kubikurikirana mu gihugu cyose
- Guharanira ko umutungo w'igihugu uzamuka kugirango abiba kubera ubukene n'inzara babireke.
- Guha abantu demokarasi bakabyirwanyiriza
- Kuzamura imishahara y'abakozi.

Ibi urubwiruko rwacu rukwiye kubyigishwa naho ubundi umuco mubi wa ruswa, kunyereza no gutonesha biratundindiriza igihugu mu majyambere.

IGITERA RUSWA, KUNYEREZA NO GUTONESHA

- Ubukene bw'igihugu butuma abategetsu bashaka ahandi bavana umutungo.
- Kudakunda igihugu.
- Ubusambo
- Umuco utuma abantu bumva ko kubikora ntacyo bitwaye.
- Bamwe baba bashaka ikizabatunga nibiruka bakajya hanze bahunze igihugu cyabo.

Umuti wo kugabanya uwo muco mubi

- Kwigisha abantu cyane cyane urubwiruko nyarwanda bakumva ko iyo migilire iyiye guhagarara.
- Gushyiraho amategeko ahana abo bose babikora
- Gushyiraho uburyo bwo kubikurikirana mu gihugu cyose
- Guharanira ko umutungo w'igihugu uzamuka kugirango abiba kubera ubukene n'inzara babireke.
- Guha abantu demokarasi bakabyirwanyiriza
- Kuzamura imishahara y'abakozi.

Ibi urubwiruko rwacu rukwiye kubyigishwa naho ubundi umuco mubi wa ruswa, kunyereza no gutonesha biratundindiriza igihugu mu majyambere.

KAYITEBI

**ABATURAGE N'UBUKUNGU
AMIZERO YABO MU KWISHAKIRA
AKAZI NO KWIHAZA MU MAFARANGA**

IBIKUBIYE MURI IRI SOMO

1. IMIRIMO N'UKO IBONEKA MU RWANDA
2. IBIKENERWA MW'ISHAKWA N'ITANGWA RY'IMIRIMO
3. KWIREMERA IMIRIMO, LETA, INGANDA NTO N'ININI, AMASHYIRAHAMWE
4. IKIZERE MU KWIREMERA (KWISHYIRIRAHU) NO KWISHAKIRA IMIRIMO
5. KWIGISHA, GUHUGURA NO GUTANGA AKAZI
6. ITERAMBERE RY'UBUKUNGU, UBUFATANYE N'UBUHAHIRANE
7. KWIHAZA MU MAFARANGA NO KUZIGAMA.

INTEGO Y'IBANZE YIR'ISOMO

Kwigisha urubwiruko uburyo rwakwiyongerera umusaruro,
rukoresheje ubwenge n'imbaraga zarwo, rukishakira
rukaniremera akazi k'uburyo byakemura ibibazo by'ubushomeri
bikanarukangurira uruhare rwarwo m'ukubaka igihugu.

IMIRIMO N'UKO IBONEKA MU RWANDA**INTEGO:**

- a) Gusobanura icyo imirimo aricyo.
- b) Kwerekana imirimo iboneka mu Rwanda n'abayitanga abo aribo.
- c) Kwerekana uko icyo mirimo iboneka.
- d) Gusozza.

INTERURO

Kubera icyibazo cy'ubushomeri cyugarije igihugu cyacu, bigatuma umusaruro wacu uba mucye, tugomba kwigisha urubyiruko rwacu, uko imirimo iboneka mu gihugu, abayitanga, ingorane rwahura nazo mukubona imirimo, n'uko izo ngorane zacyemurwa, bikaba byatuma bakusanya imbaraga zabo mukubaka no guteza igihugu imbere m'ubukungu.

IMIRIMO N'IKI ?

Dusobanuye imirimo byavugaga inshingano (responsibility) z'umukozi n'umukoresha zibaha uburyo bwo kwibeshaho no kwiteza imbere bikabeshaho n'abandi, n'igihugu muri rusange.

IMIRIMO IBONEKA MU RWANDA

- a) Ubuhinzi

Mu Rwanda, 80% by'ubukungu bw'igihugu buva mu buhinzi 94% b'abakozi bakora mubyerekeye ubuhinzi n'ubworozi,

- b) Ubworozi
- c) Ubucuruzi
- d) Uburobyi
- e) Ubukorikoli
- f) Ibigo bya Leta
- g) Inganda
- h) Amashyirahamwe n'Amakoperative
- i) Ibigo byigenga: Banks, insurances, etc...
- j) Imiryango itagengwa na Leta (NGO'S).

NIBANDE BATANGA IMIRIMO MU RWANDA

Imirimo iboneka mu Rwanda ahenshi itangwa n'aba bakurikira;

- a) Leta
- b) Inganda

Urugero: KABUYE, OCIR THE, BRALIRWA, SULFO, MIRONKO PLASTIC INDUSTRIES, VOLTA SUPER, n'izindi.

c) Ibigo bya Leta

Urugero: - ELECTROGAZ
 - RWANDATEL
 - REGIE DES EOROPOINTS
 - OFFICE Y'ITANGAZAMAKURU (ORINFOR)
 - SONARWA
 - RWANDEX
 - ONATRACOM

d) Amashyirahamwe n'amakoperative

c) Abikorera kugiti cyabo

Urugero: SAM RUBAGUMYA: Muri iki gihe mu Mutara
 akoresha abakozi barenga 180

f) Imiryango mpuzamahanga

Urugero: PNUD, UNICEF, PAM, etc...

g) Imiryango itabogamiye Leta

Urugero: Save the children
 World Vision
 PNL
 Concern
 LWF

IMIRIMO IBONEKA ITE ?

Mubihugu byose, u Rwanda rurimo, imirimo yo muri ibibigo itangwa ikurikije ubumenyi n'ubushobozi (qualification). Iyi mirimo ikorwa n'abize gusa, kandi % y'abize mu gihugu ni nto ugereraniye n'abatize. Ibi bituma habaho ubusumbane mw'itangwa ry'imirimo bikaba ari nabyo bitera ibibazo by'ubushomeri mu gihugu.

Kubera ingorane z'ubushomeri zituma igihugu cyidakoresha ubutunzi bwacyo bwose mu gutera imbere mu by'ubukungu, ndetse bikazana n'ibibazo bigendana n'ubushomeri, nk'ubuzererezi, uburaya, ubwomanzi, ubunebwe n'ibindi, n'ingombwa yuko twakwigisha abatize kwishakira no kwiremera akazi.

II. IBIKENERWA MW'ISHAKWA N'ITANGA RY'IMIRIMO

INTEGO :

- a) Kwerekana ibikenerwa mw'ishakwa ry'imirimo.
- b) Ingorane zo kubona akazi, n'uko zacyemurwa.
- c) Umusozo.

Mu Rwanda dukenera ibintu bitandukanye mwitangwa no mw'ishakwa ry'akazi. Ibi byose bizanwa n'ingorane z'abakozi n'abakoresha. Abakoresha bagomba kuba bafite imishahara y'abakozi ihagije kandi ihoraho.

- Bagomba kwigisha no guhugura abakozi.
- Bagomba kugira akazi abakozi bishimiye kandi katabarushya cyane ariko kunguka.
- Bagomba gukora ibintu bitandukanye kugirango bongere imirimo y'abakozi.
- Abakozi n'abo bagomba kuba bafite ubumenyi n'ubushobozi buhagije bw'akazi (qualifications). Bagomba kuba bafite umurava w'akazi, bumva bakorera igihugu, badakorera amafaranga.

Muri rusange u Rwanda nk'igihugu rufite Abaturage benshi baruta imirimo iri mu gihugu. Ibi byose bizana ibibazo by'ubushomeri.

Urugero: 30 % by'abaturage ntacyo bongera k'ubukungu bw'igihugu n'amajyambere yacyo.

Ubushobozi bw'ibyaro ntabwo bukoreshwa bwose kubera ko abaturage benshi badafite ubushake cyane cyane uruburako. Kubera ibyo, abenshi ni abashomeri, inzererezi, ibyomanzi, indaya n'ibindi. Ikindi ibyaro birakennye, nta mihanda, umusaruro si mwiza, nta bumenyi, nta bikoreho by'ibanze. Ni ngombwa yuko leta yabatera inkunga, ibashyiriraho imigambi yubaka, iteza imbere ubukungu bw'ibyaro.

Mu migi naho, abantu benshi ntabwo bakora, cyangwa se nabakora bakora akazi katabakijije. Uruburako rwinshi ni mayibobo, ibyomanzi, bagenda basabiriza, n'ababoyi. Ibi bigatuma imbaraga zabo zidakorehwa nk'uko bikwiye, mu bukungu n'amajyambere y'igihugu.

INGORANE N'UKO ZACYEMURWA

Izi ngorane zose dusanga mu kazi zizanwa n'uko :

- (a) Abaturage ari benshi ugereraniye n'imirimo iri mu gihugu
- (b) Umutungo w'amafaranga mucye ugereraniye n'ibikorwa bikeneye amafaranga nk'inganda, imishahara, ibindi bintu byatuma akazi kagenda neza.
- (c) Abakozi n'abo ntabwo bafite ubumenyi buhanitse kubera yuko abenshi batize cyangwa n'abize, ntabwo bigishwa inyigisho zigendanye n'ibikorwa.
- (d) Inganda nyinshi mu bihugu bikennye zikoresha imashini kurusha uko zikoresha abantu, bigatuma abantu babura ibyo bakora.
- (e) Imirimo imwe n'imwe ntabwo ifite agaciro kanini, nk'iyubuzamu, ububoyi, kwoza amamodoka kwikorera imizigo, kumesa no gutera ipasi, n'ibindi. Indi mirimo n'inkiya leta yishyura ikinya cyangwa y'ishyurwa nyuma y'igihe kinini bikaba byatuma abantu bahitamo kuyireka.
- (f) Ingorane z'umusaruro uva m'ubuhinzi-bworozi zituma n'inganda zitabyara umusaruro mwinshi.
- (g) Nkuko twabonye yuko abaturage benshi bakora m'ubuhinzi n'ubworozi hari ingorane z'ubutaka bwagundutse kubera isuri, gutema ibiti, kuragira inka, imigezi cyangwa se ibiziba bihareka; byose bibuza ubutaka kwera bikabuza abantu kuhahinga no kuhororera.

Izi ngorane zacyemurwa nuko :

- (a) Abantu bakora bakwigishwa akazi k'imyuga gacishije bugufi.
- (b) Abantu bagomba kwiremera inganda zabyara akazi, imishinga yakorwa n'abishoboye n'abatishoboye, hamwe no guteza imbere amashyirahamwe n'amakoperative.
- (c) Guteza imbere ubukorikori bw'ingeri zose bwaha banyirabwo akazi bukabongerera n'umutungo w'amafaranga.
- (d) Kuvugurura, ibintu, byerekeye nk'ibiraro, amashyamba, ibishanga n'ibindi byaha urubwiruko akazi.
- (e) Kwigisha inyigisho zigendanye n'ibikorwa
- (f) Guha imirimo yose agaciro kangana.
- (g) Kwigisha abaturage kubwira abo bashoboye kurera n'abo igihugu cyashobora kurera bakoresheje kuringaniza imbyaro (ONAPO).

III. KWIREMERA IMIRIMO LETA: INGANDA NTO N'ININI, AMASHYIRAHAMWE

- a) Kwerekana ingero z'uko abantu bakwiremera akazi;
- b) Kwerekana uko Leta y'iremera akazi;
- c) Kwerekana uko inganda zarema imirimo
- d) Uko amashyirahamwe arema akazi
- e) Umusozo.

INTERURO:

Kubera ingorane twabonye zo kubura akazi, bitewe n'uko abaturage ari benshi, ugeraraniye, n'imirimo iri mu gihugu, kubera yuko abaturage (urubyiruko muri rusange) batabona inyigisho zigendanye n'imirimo, hamwe n'uko abenshi batize. Ningombwa yuko abaturage bakwigishwa uko bakwiremera akazi, bakoresheje ubushobozi bwabo. Leta nayo ikabaremera akazi hamwe n'inganda, amashyirahamwe, kugirango, Igihugu gishobore gukoresha ububasha n'umutungo wacyo wose mu majyambere yacyo.

INGERO Z'UKO ABANTU BAKWIREMERA AKAZI

Imibare yerekana y'uko 30% babaturage ntacyo bongera mu majyambere y'igihugu. Ibi byose bizanwa n'uko nta mirimo iriho yakwira abaturage. Imirimo myinshi yo mu gihugu ikorwa n'abize, hamwe n'abayifitiye ubumenyi n'ubushobozi. Ni ngombwa yuko abaturage bakoresha ubushobozi bwabo bakemera akazi mu buhinzi, ubucuruzi, ubworozi, uburobyi, ubukolikoli nko gufuma n'ibindi....

- MU BUHINZI

Abaturage bakwiye kwigishwa ukuntu bakoresha imbaraga zabo mu kongera umusaruro, bagasagurira n'isoko.

Bakwiye:

- gutera ibiti
- gufata neza no kurinda ubutaka
- kwongera imbuta ngandura-rugo hamwe n'ibinyampeke nk'umuceri, ibigori, ingano.
- ibyongera amaraso nk'imbogα, amatunda n'ibindi..

- MU BWOROZI

Abaturage bakworora, inyamaswa nyinshi zitanga amata, inyama, impu, n'ibindi. Umuco Nyarwanda wigisha yuko borora inka gusa z'amata n'ihene, ingurube n'ibindi.

Muri iki gihe, dukurikiye yuko abaturarwanda ari benshi kandi itaka rikaba ari rito, ni ngombwa yuko Abaturage bakworora byakijyambere. Abaturage bakworora amatungo abaha akazi, hamwe n'amafaranga.

a) **Amatungo manini (INKA)**

Inka ziha abaturage, amata, inyama, impu hamwe n'amavuta. Amahembe yazo nayo bayacuramo inkono, hamwe n'imitako, impu nazo zikaba zahindurwamo ibindi bintu bya kamaro.

b) **Amatungo magufi**

Ihene, inkoko, intama, ingurube, inkwavu, inzuki, imbeba n'ibindi. Ibi nabyo biha abaturage inyama kandi bakanabigurisha bakabona amafaranga bikabaha n'akazi.

Abaturage bagomba kwiga kubyaza ibindi biribwa mu musaruro babonye uvuye m'ubuhinzi, n'ubworozi.

- Gushyigikira no guhugura kubijyanye n'ubuhinzi, guhinga amaterase, gutera ibiti bifata ubutaka, gucukura imiringoti yatuma isuri itajyana itaka
- gukoresha imbuto zisobanuye
- kwohereza amazi aho atari n'ibindi...

Ibi byose byatuma abaturage biremera akazi, bikwongera n'umusaruro wabo, byabongerera umutungo w'amafaranga.

- **UBUROBYI**

Abaturage benshi bagomba kwishakira imirimo mu byuzi:

- ibiyaga
- imigezi
- inyanja
- etc

Ibi bibaha amafi, bagurisha cyangwa bakanayarya. Leta yabafasha nko kubaha ibikoresho n'imbuto z'amafi.

Ibi bishaka ibikoresho bihanitse hamwe n'ubuhanga, kandi bikabaha n'amafaranga, bagakemura icyibazo cy'ubushomeri.

- **UBUKOLIKOLI**

Ubukolikoli, buratandukanye kandi bufite imirimo myinshi, yaha abaturage n'urubyiruko akazi. Hari ubukolikoli bw'Ububaji, babaza intebe, inkono, imitako, ibyansi, byose bigurwa amafaranga.

- **UEUDOZI**

Badoda imyenda amakanzu, amapantaro, etc...

- Ubukolikoli bwo gufuma ibitambaro, amashweta, imyenda y'imipira, etc ...
- Ubukolikoli bwo gutaka inkoni, inyegamo, amacumu, imyambi n'ibindi.
- Ubukolikoli bwo gucura imyambi, imishyo, imisimari, ibyuma n'ibindi.
- Ubukolikoli bwo kubumba ibibindi, inkono, amatafari, imitako y'indabyo.
- Ubukolikoli bwo kuboha hakoreshejwe ibiti, imigwegwe, urufunzo, intsina n'ibindi.
-
- Ubukolikoli bwo gusana ibikoresho byo mu rugo, inzugi, amasafuriya n'ibindi.
- Ubukolikoli bwo gusana ibintu byavuye mu nganda, abakora amasaha amaradiyo, inkweto, imipira y'imodoka abakora amagare, amapikipiki, abakora amashanyarazi, imodoka, etc..
- Ubukolikoli bwo gucukura umutungo kamere, abacukura, amabuye, umucanga, ingwa, ibumba, ishwagara, nyiramugengeri, amakara, abacukura amabuye y'agaciro.
- Ubukolikoli bw'ingoboka kubaka, gufotora, kogosha, koza imodoka, kumesa no gutera ipasi kwikorera imizigo.

Ibi byose byaha abaturage n'urubyiruko akazi, bigacyemura n'ibibazo by'ubushomeri bwiganje m'urubyiruko hamwe no mu gihugu cyose, bikanateza igihugu imbere.

UKO LETA IREMA AKAZI :

- Muri rusange akazi gaha abantu umwanya mu muryango, mu byerekeye umutungo, imibanire, muri Politiki no mubitekerezo. Imirimo, niyo itanga imibereho, amafaranga, n'ibindi. Kubera izi mpamvu, ni ngombwa yuko Leta iremera abaturage akazi ikoresheje ibi bikurikira :
- Kwongera umubare w'abakozi ba Leta, ikoresheje kwongera Ibigo bya Leta, kubifata neza, no kubikwirakwiza hose mu gihugu.
- Leta itanga akazi, igaha ba Minisitiri, Diregiteri, Abajyanama, Abapalanto, Abazamu, Abakubura, n'abandi.

- Leta yatangiza amaporoje akoresha abakozi benshi.
- Leta yakubaka inganda zidakoresha amamashini ariko zikoresha abantu. Yakubaka amabanki n'ibindi bigo nkiby'ubwishingizi, cyangwa se ikabiha abantu kubwabo babikoresha neza kurushaho.
- Leta yadohora imisoro, byakworoheraza abacuruzi kuzana ibintu mu gihugu, ikanoroheraza abantu ku giti cyabo, gutangiza inganda, ibigo, banki mu gihugu, byatanga akazi n'amafaranga, kubantu, no kuri Leta.
- Leta yaha abakozi inguzanyo y'amafaranga, cyangwa y'ibikoresho bashaka kwikorera kubwabo. Kuburyo byabaha akazi. Ikabashakira isoko, ibashyiriyeho amangazine manini.
- Leta yakangurira abantu ibyerekeye ubwishingizi, ibyo kuzigama n'ibindi byatuma abakozi bashishikarira akazi.
- Leta yaha abahinzi imbuto z'indobanure, ifumbire n'ibindi byabaha umwete wo gukora neza.
- Leta nayo yagura umusaruro wabo nka kawa, icyayi, ibisheke n'ibindi.

UKO INGANDA NINI ZIREMA AKAZI

Ingero: BRALIRWA, CIMERWA, TOLIRWA, TABARWANDA, SORWATOM na UTEXIRWA

- Inganda nini zitanga akazi k'ubantu bose, abize n'abatize.
- Urugero:** Zitanga akazi kaba Diregiteri, Abategetsu, Abakubura, Abazamu n'abandi.
- Inganda nini zarema, akazi zongereye umusaruro wazo, byatuma abantu benshi babona akazi.
 - Inganda nini zarema akazi zigabanya umubare w'amamashini akora akazi bakongera umubare w'abantu bakoresha amaboko yabo.
 - Inganda zarema akazi zitanga inyigisho, n'amahugurwa mu byerekeranye n'akazi k'abaturage.
 - Inganda nini n'intoya zitandukanywa n'umubare w'abakozi zikoresha, hamwe n'ubumenyi abo bakozi bafite. Na none inganda nini zikoresha amamashini kurusha abantu. Ibi bigatuma abantu batabona akazi.

- Ibi byakemurwa n'uko inganda nini zakwirakwizwa hose, cyane mu byaro zikanakoresha abantu kurusha uko zikoresha amamashini.
- Inganda nini nazo zajya zihindura (Transformation & Processing) umusaruro wibyoherezwa hanze. Ibi byatuma igiciro kizamuka kandi bikongera umubare w'abakozi.
- Inganda nto
 Ingero: CAFE, CONFIGI, SAKIRWA, SULFO RWANDA, NYABISINDU ENTERPRISE, SUBULIKOKO, OVIBAR, SONAFRUIT, SORWATOM.

Inganda nto zikoresha umubare mwinshi w'abakozi ugereranyije n'amamashini.

- Zarema akazi, kandi zigacyemura ikibazo cy'ubushomeri zikwirakwijwe mu gihugu hose, cyane cyane mubyaroro.
- Zakwirakwizwa mu byaro, byagabanya umubare w'abava mu byaro, bajya mu migi, bikongera umutungo w'amafaranga mubaturage bose.
- Bya (mobilise) gukusanya amafaranga y'abaturage, kuko abantu ku giti cyabo bazabona amafaranga bakanayazigama bigatuma bayakoresha ibindi byabateza imbere, bigateza n'igihugu imbere.
- Inganda nto, ziha ubumenyi abakozi benshi, bituma babona uburambe kukazi buhagije bikaba byabaha n'ububasha bwo gukora mu nganda nini.
- Inganda nto zikoresha abantu benshi, zikoresha amafaranga make (cheap), zikoresha ibikoresho bidahambaye, zigatanga ubumenyi ku bantu benshi, zikanateza uturere twose tw'igihugu imbere m'ubukungu bw'amafaranga.

Muri rusange igihugu cyacu cyakubakwa n'inganda nini, n'into kubera yuko inganda nini iyo zubatswe zikanakoreshwa neza ziteza imbere ibindi bikorwa by'amajyambere.

Urugero: Inganda zitanga ifumbire, ibikoresho byo murugo, nk'amasafuriya, amasuka, imiti y'inka, ibyo kurya by'amatungo, n'ibindi bikoreho bakoresha mu kongera umusaruro.

- Inganda ziha isoko umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi n'ibindi bice nk'ubucuruzi bw'amabuye y'agaciro, amashyamba, uburobyi n'ibindi. Ibi bigatuma abaturage bagira ikizere mu bikorwa byabo.

UKO AMASHYIRAHAMWE AREMA AKAZI

Ishyirahamwe ni abantu bishyira hamwe bagafata umugambi wo gucyemura ibibazo byabo cyangwa se ibyabandi. Cyane cyane ishyirahamwe ritagira ubuzima gatozi...

Ishyirahamwe rifite ubuzima gatozi ryitwa Koperative, ariryo riba rigamije gushyigikira abandi ariko rifitiye banyiraryo inyungu.

- Amashyirahamwe akoresha umubare munini w'abakozi.
- Amashyirahamwe abona inguzanyo bigatuma bagira amafaranga.
- Akora ama project atandukanyije ibikorwa byatuma abantu bahana imirimo itandukanye ikabaha n'ubumenyi butandukanye.
- Amashyirahamwe akoresha abantu kuburyo bworoshye, ntatwara amafaranga menshi, akoresha kuburyo butandukanye, byose biha abaturage ikizere cyo gukora.
- Amashyirahamwe yigisha, akanahugura abakozi bikabategurira kuzakora n'akandi kazi kisumbuye.

Dukurikije ibi byose twabonye dukwiye kurwanya ikibazo cy'ubushomeri dukoresheje, ibikorwa bya Leta Inganda Amashyirahamwe, n'abaturage kugiti cyabo k'uburyo ya 30% igira uruhare mw'iterambere ry'igihugu.

IV. IKIZERE MU KWIREMERA (kwishyiriraho) NO KWISHAKIRA IMIRIMOINTEGO :

1. Kwerekana uko abantu bagira ikizere cyo kurema akazi.
2. Kwerekana ingorane zituma abantu batagira ikizere mu kurema akazi
3. Umusozo.

INTERURO

- Abantu bose bashaka kwishakira akazi bagomba kuba bafite ikizere cyo kubona amasoko, amafaranga, abakozi, no kugira umusaruro uhagije uzongera inyungu.
- Abantu mu kwishyiriraho imirimo bagomba kuba bayize neza kandi batekereje n'ingorane bashobora guhura nazo. Bagomba kumenya ibyo bashobora gukora, ingorane, isoko, etc...

Bagomba kumenya yuko:

- a) Hagomba kuba hariho uburyo bworoshye bwateza imbere imirimo y'amaboko.
- b) Kuba idatwara amafaranga menshi.
- c) Kuba ifitiye abaturage (urubyiruko) akamaro.
- d) Gukoresha neza ibikoresho by'ibanze bihari.
- e) Kuba ifite ibikorwa byuzuzanya.
- f) Gutanga akazi kigihe kirekire kubaturage (urubyiruko)
- g) Amategako ayigenga imirimo agomba kubahirizwa

Ibi byose bikorwa kubera yuko biba bikenewe ngo habeho isaranganya ry'imirimo y'amaboko, no gutera inkunga ibyaro, byaha n'abaturage uburyo bwo kwirwanaho bakoresheje amaboko yabo.

Impamvu hatabaho ikizere

- a) **Ingorane z'amasoko:** Iyo amasoko ari make ugereranije n'umusaruro, habaho igihombo bigaca abaturage intege.
- b) **Imisoro myinshi:** Imisoro myinshi ica abaturage intege zo gutangiza imishinga mu gihugu cyangwa kuzana ibikoresho mu gihugu bivuye hanze.
- c) **Abakozi b'impuguke:** ni bacye basobanukiwe imirimo bakora kandi babifitiye ubushobozi
- d) **Amafuranga ahagiye:** hagomba kuba amafuranga ahagiye
 - yo - Guhamba abakozi
 - Kugura imbuto, ifumbire
 - Gutunganya ibiribwa nka amata, gukora Divayi konfitire, ubuki, n'ibindi.
- e) **Aho imishinga ikorerwa (location)**
 - Hagomba kuba heza, hafite umutekano
 - Ibihe ngenga bukungu bigomba kuba bigendanye n'ibihingwa
 - Hagomba kuba bugufi y'umuhanda, y'amashanyarazi, n'amasoko.

Iyo ibyo byose bidahari nta kizere cyo kwishakira no kwiremera imirimo kibaho mu batwage. Ibi byose byakemurwa nuko abaturage bagira amasoko, cyangwa bakayiremera. Bagasarura, umusaruro ufite isoko ryo mugihugu (local cyangwa national) no hanze y'igihugu (international).

- Leta ikabaha ikizere cyo gutanga imisoro mike y'imisaruro yabo ndetse byashoboka ikayibakuriraho.
- Leta yabaha n'icyizere cy'umutekano w'imisaruro yabo, ikabashakira amasoko yo hanze, mu nganda, cyangwa se nayo ikabagurira, ikanabashakira n'inguzanyo.

Ibi byabaha ikizere cyo kurema no gushaka imishinga yabaha amafaranga, igacyemura n'icyibazo cy'ubushomeri, cyugarije igihugu cyacu, cyane cyane urubwiruko (abaturage bejo).

- Hakabaho kwigisha no guhugura mu byerekeye ubuhinzi, ubworozi, gufata neza ubutaka, kongera agaciro k'ibiva m'ubuhinzi n'ubworozi.

Urugero: Gukora Divayi, Confiture, amavuta, etc...

- Habaho guha akazi abagafitemo ubumenyi no kugira amafaranga ahagije cyangwa hakabaho uburyo bwo gutanga inguzanyo.

V. KWIGISHA, GUHUGURA NO GUTANGA AKAZI

INTEGO :

- a) Kwerekana itandukanyirizo ryo kwigisha no guhugura.
 - b) Kwerekana akamaro ko kwigisha no guhugura abakozi.
 - c) Gusobanura ingorane abahugura bahura nazo.
- Ubu n'uburyo bushyirwaho n'ubutegetsu bukoresheje ubushake bwawo, kugira ngo bufashe abakozi kubona ubwenge ku byerekeye imirimo bashinzwe, ibikoresho cyangwa se kwiyungura mu bitekerezo.
 - Babikorera no kugira ngo abakozi bakore neza, biteze imbere n'ibyo bakora bikongera umusaruro.
 - Ibi byongerera ubumenyi bw'abakozi bibahesha ubushobozi, ikizere n'imibanire myiza kukazi bituma abakozi bagira ubusabane.
 - Ibi bimenyereza abakozi, gukorana n'ibyuma bishya, ubumenyi bushya busimbura ubushaje, bikababashisha kwongera umusaruro bikanabaha n'ikizere cy'akazi bakora.

- Kubera yuko ibitekerezo by'umuntu udahuguye biba bidahagije, ni ngombwa ngo buri mukozi wese ahabwe ubumenyi bw'ibintu agiye gukora, amenye icyo agamije.
- Dukoresheje itegeko rya ILO (International Labour Organisation (OIT), ni ngombwa guha buri mukozi wese ubumenyi bw'ibanze mubyakora kugira ngo yongere umusaruro.
- Ningombwa kugira ngo, habeho kwigishwa, guhugura, gukurikirana imikorere y'abakozi, no kubabwira ibyo abakoresha bagamije kugirango bitange umusaruro mwiza; bikanongera n'umubare w'abakozi bafite ubumenyi n'ubushobozi.

Ibi byose bikorwa muburyo butandukanye, bigamije kwongera imikorere myiza y'abakozi.

ABAKOZI BAHUGURWA M'UBURYO BUKURIKIRA

- a) Bishobora gukorwa nko mugihe cy'amasaha cumi, bikoze n'umwigisha.
- b) Gutanga (formation) inyigisho zigihe gito nk'ukwezi cyangwa amezi abiri, atatu, n'ane.
 - Gutanga inyigisho n'amahugurwa y'umwaka imyaka ibiri, cyangwa itatu.
 - Habaho n'inyigisho zo murugo, cyangwa izo umuntu agenda amenyera kukazi; uko agenda akora.
 - Ibi babikora bashyiraho, ibigo bihugura abakozi nko mu byerekeye, ubudozi, ubutetsi, ubuhinzi n'ubworozi, gukora Divayi, Konfitire, ibikomoka kumata n'ubuki, gusatura imbaho no kubaza, kwogosha no gufata neza imisatsi, kworoshya ingendo shuri n'ibindi.

Ibi byose bitanga ubumenyi butuma abantu babona akazi, cyangwa se bakakiremera, bigatuma hatabaho ikibazo cy'ubushomeri mu gihugu; bikongera umusaruro, biteza imbere igihugu, mu by'ubukungu, n'imibereho myiza.

- INGORANE ZITUMA HATABAHO AMAHUGURWA :

- a) Kutagira amafaranga ahagije
- b) Kutagira abahugura babisobanukiwe
- c) Kutagira ibikoresho, byo guhugura

VI. ITERAMBERE RY'UBUKUNGU, UBUFATANYE N'UBUHAHIRANE

1. INTEGO

- 1° Kwerekana uko ubukungu bw'u Rwanda bugenda buhindagurika, ingorane buhura nazo, ukuntu zacyemurwa, n'uko bwatezwa imbere kurushaho.
- 2° Gusobanura impamvu z'ubufatanye n'ubuhahirane bw'u Rwanda n'ibindi bihugu.

2. Iqipimo cy'ubukungu mu Rwanda

Icyibazo cy'ubukungu gikunze kumvikana ko ari ubuhanga mu kumenya uburyo abantu babona ibyo bakeneye, n'uko babigabana. Mu kwiga ubukungu bw'igihugu abantu bibanda kuri ibi bikurikira :

1. Umusaruro wose mu gihugu.
2. Umusaruro w'abanyagihugu.
3. Ikigereranyo cy'amafaranga asohoka nayinjiye mugihugu.
4. Ikigereranyo cy'ibigurishwa hanze y'igihugu n'ibyo igihugu kigurayo (Export & Import)
5. Agaciro k'ifaranga (uko rihagaze)
6. Imiterere y'ingengo y'imali ya Leta cyane uko icyuho mungengo y'imali.
7. Umusaruro mu nzego z'ubukungu.
 - m'ubuhinzi
 - m'ubucuruzi
 - mu nganda
 - m'ubukerarugendo
 - m'ubukolikoli
8. Ikigereranyo cy'uko uwo musaruro ugenda uhinduka.
9. Uruhare rw'umusaruro ukomoka mu murimo, no mu nganda, mu musaruro wose w'igihugu n'ibindi.

Ubukungu bw'u Rwanda bushingiye ku :

- Ubutaka (ubuhinzi-ubworozi)
- Amabuye y'agaciro: gasegereti, ciment, ...
- Inganda
- Ubucuruzi (import & export)
- Amashyamba
- Ubukera-rugendo.

3. Ihindagurika ry'ubukungu mu Rwanda

Tugiye gusobanura ihindagurika ry'ubukungu mu Rwanda, bidusaba yuko twareba mbere y'ubukoloni, nyuma y'ubukoloni, n'ubu.

Mbere y'ubukoloni ubukungu bw'u Rwanda bwari bushingiye ku:

- Ubutaka (ubuhinzi, n'ubworozi)
- Ubukolikoli (imyuga)
- Habagaho ukugurana hagati y'abahinzi n'aborozi (trocs)
- Abanyarwanda nibo bagenaga ibyo bakora n'uko bagabana umusaruro, byose byabaga bigamije gucyemura ibibazo by'abanyarwanda.

Nyuma y'ubukoloni ubutaka bunini bwabaye ubwa Leta, kwasatuwemo uduce (udusambu duto), dufitwe n'abahinzi bakoresha isuka gusa.

Inganda n'ubucuruzi bw'amabuye y'agaciro byagiye mu maboko y'abanyamahanga nk'Abahindi, Abanyaburayi n'abandi. Abo bose inyungu zabo nyinshi zajyaga mu bihugu byabo kurusha mubanyarwanda. Ingero ni nka SULFO na UTEXRWA, n'izindi nka SOMUKI, GEORWANDA, na SOMIRWA zari zishingiye k'ugucukura amabuye y'agaciro. None zikaba zarahombye zigahagarara.

Muri iki gihe ubukungu bw'u Rwanda bufite ingorane zidatuma butera imbere nk'uko bikwiye kubera yuko :

Abaturage bahinga imyaka ngandurarugo k'uburyo batihaza kandi ngo bagasagurira amasoko. Ntibita ku bihingwa ngengabukungu cyane

Inganda nyinshi ziri mu gihugu ninto, kandi ntabwo zigira umusaruro munini, inyinshi ziri mu migi, ntabwo zikwirakwiye mu gihugu hagati.

Ntabwo dufite abakozi bafite ubumenyi buhanitse bwo gukora mu nganda cyangwa se mu bintu ngenga bukungu.

Ibintu byinjiza amadovize mu gihugu nk'ubukerarungendo (tourisme) n'ingufu nibike kandi n'ibihari ntabwo bikoreshwa neza nkuko bikwiye.

Urugero: Nta Hoteli manini, amashyamba nimake inyamaswa nyinshi zarahunze kubera intambara, izindi zihunga abaturage nko mu Akagera National Park etc... Leta ifite amafaranga make yo gushora muri iyo mishinga n'ibindi byinshi bituma ubukerarungendo (Tourism) idakora neza.

Ntabwo dufite ibikoresho bihagije (infrastructures).

Urugero: Imihanda, amavuriro, amashuri n'ibindi byose byafasha mw'iterambere ry'ubukungu.

Ntabushakashatsi buhanitse buri mu gihugu cyacu kubera kubura ababifitemo ubumenyi buhanitse, n'amafaranga akaba ari make yo gukora ubushakashatsi. Hakwiye kubaho ubushakashatsi nko mu buhinzi, ubucuruzi, mu mabuye y'agaciro n'ibindi.

Inganda zacu ntabwo zihindura ibikoresho by'ibanze (Processing) kugirango byongere umusaruro, n'igiciro k'ibigurishwa hanze.

Ibindi bibazo byihariye by'u Rwanda nink'ibibazo byatewe n'intambara y'itsembabwoko.

- Abaturage hafi ya 1.000.000 barishwe
- Abaturage hafi 1,5 M barahunze
- Ibikoresho fatizo byarashenwe
- Inganda zimwe zarasenyutse.

Ibi byose bitera kutagira abakozi n'ibikoresho bihagije byakongera umusaruro, bigateza igihugu imbere m'ubukungu.

Ikindi u Rwanda ruteye nabi ruri kure y'amasoko mpuzamahanga kandi ruri ntabwo rwegerereye amazi byakoroshya ubuhahirane n'aya masoko. Nta muhanda wigare y'umwuka u Rwanda rufite, nabyo bikaba ikibazo cyo gukomeza ubuhahirane.

Mu gihugu imbere, isoko ni rito bitewe nuko abantu bishwe, abandi barahunze, abenshi ni abakene, ibigurishwa ntibihagije.

Imfashanyo ziva hanze zidufasha mu bikorwa by'amajyambere. Badufashisha ibikoresho, amafaranga se, cyangwa abakozi bavuye iwabo bitwa abahanga (experts) mu bintu runaka. Ariko izi mfashanyo zigira ingaruka: amafaranga cyangwa ibikoresho bigomba kwishyurwa n'igihugu kandi ariyo akoresha mu guhamba abo bakozi, akarihwamo ibibatunga, n'amacumbi yabo.

4. Uko ubukungu bw'u Rwanda bwatezwa imbere:

- Ubukungu bw'u Rwanda bwatezwa imbere n'uko habaho :
- Guha agaciro ibihingwa ngengabukungu n'ibyingandururugo
 - Kongera agaciro k'inganda n'umusaruro w'ibihingwa mu gihugu.
 - Abakozi bakwiye guhugurirwa gukora akazi k'ibintu ngenga bukungu, bityo bakongererwa ubumenyi.
 - Ibintu bituzanira amadovize mu gihugu bikwiye kwitabwaho nk'ubukera rugendo (Tourisim & energy) n'ingufu.
 - Kongera ubuhahirane n'imibanire hagati y'u Rwanda n'ibindi bihugu, cyane cyane muby'ubukungu.
 - Hakwiye kubaho inyigisho n'amahugurwa y'abakozi kugirango barusheho gukora neza. Bya kwongera umusaruro, byagabanya no gukoresha abakozi bavuye hanze y'igihugu.

- Inganda zikwiye kubakwa ahantu hanini, zigakwirakwizwa mu gihugu hose.
- Hakwiye kubaho umusaruro wingeri nyinshi kandi mwinshi byazana amafaranga menshi bigatuma habaho amasoko atandukanye.
- Hagomba kubaho inganda zikorana; ni ukuvuga zihuriye ku bikoresho fatizo.

Urugero: - Uruganda rw'amata, rukora amavuta, foromaji, ...
 - Uruganda rw'ikawa rushobora gukorana n'urw'ifumbire
 - Hari ibisigazwa by'inganda nini bishobora gukenerwa mu nganda ntoya.

- Hagomba kubaho banki nyinshi zafasha abaturage mu kuzigama amafaranga zigatanga n'imirimo.

Ubukungu bw'u Rwanda buracyashingiye k'ubuhinzi, k'ubworozi, ubucuruzi, ubukolikoli hamwe n'inganda. Ibi byose ntibigera k'umusaruro uhagije. Abaturage ntibihaza kandi ngo basagurire amasoko. Nibyo bituma hatabaho iterambere ry'ubukungu mu rwanda.

Ningombwa ko rero, habaho guteza igihugu imbere, dukoresheje kwagura amasoko, kwigisha abakozi, kuvugurura ibikoresho byibanze, gukwirakwiza inganda ahantu mu gihugu, kwongera ubuhahirane, n'imibanire y'u Rwanda n'ibindi bihugu; guteza imbere ubucuruzi, ubuhinzi, ubworozi bwa kijyambere, bya kwongera umusaruro.

Abanyarwanda bose bagomba gukoresha imbaraga zabo zose no gufatanya kugirango bateze igihugu cyabo imbere. Ubwo rero hagomba kubaho, ubufatanye, gucya impunzi zose, hagomba kubaho umutekano, w'ibintu nuw'abantu. Byose byateza igihugu imbere mubukungu bikanashishikariza buri munyarwanda kubaka no kurinda igihugu cye.

5. Ububanyi bw'u Rwanda n'amahanga n'ubuhahirane

Ubufatanye : bw'igihugu n'ibindi bihugu buzana n'impamvu zitandukanye;

- umutekano,
- ubukungu,
- ubuhahirane,
- n'itumanaho.

Ibihugu byishyira hamwe bigashinga imiryango, cyane cyane ku nzego eshatu; urwego rwa karere, urwego rw'umugabane w'isi (continent) n'urwego rw'isi. Akenshi ubu bufatanye bugenda budindiza cyane ubwo mu bihugu by'Afurika kubera yuko ibihugu biyigize biba bidafite umurongo umwe wa politiki, bigatuma hataba kumvikana kubibazo by'ibanze.

U Rwanda ruri mu miryango myinshi kandi ku nzego zose. Turareba iyingenzi muri yo n'akamaro irufitiye.

A. UMURYANGO W'ABIBUMBYE (U.N.O/UNO) Société des Nations (S.N.)

Uyu muryango washinzwe nyuma y'intambara y'isi yambere ugamiye kurinda amahoro kw'isi hose. Ariko inshingano nyinshi zawo zagezweho nyuma y'intamabara y'isi ya kabiri ibihugu byinshi ubwo byasanze ari ngombwa gushinga umuryango ukomeye uzashobora noneho kugera ku ntego zawo. Niwo wiswe "Umuryango w'abibumbye" (ONU).

Intego zawo :

Ushinzwe kubungabunga amahoro, umutekano, kubahiriza uburenganzira bw'ikiremwa muntu. Guteza imbere, umubano n'ubutwererane hagati y'ibihugu biwugize no gucyemura mu mahoro amakimbirane hagati y'ibyo bihugu, cyangwa se no mugihugu cyonyine kifitiye amakimbirane ubwacyo.

Uyu muryango ugiye ufite amashami urugero nka **FAO** (ishami ryita kubiribwa no ku buhinzi **H.C.R** ushinzwe gucyura impunzi, **P.N.U.D** ushinzwe gutsura amajyambere **O.M.S** (WHO) ishami ryita kubuzima.... U Rwanda rwawinjiyemo ku ya Nzeri 1962.

Uyu muryango niwo u Rwanda rwerekaniyemo ingorane zarwo kandi rukagaragarizamo ibitekerezo n'ibyifuzo byarwa, amahanga akabimenya. Hari imishinga yagiye ikorwa mu Rwanda kubera imfashanyo ziva mu mashami y'umuryango w'abibumbye.

Urugero: **F.A.O** yatanze imfashanyo mu mishinga nka :

- uruganda ntangarugero rw'imitobe
- y'imbutu (SONAFRUIT) ruri imbere muri cy'IMBOGO CYANGUGU.

O.M.S Bimwe mu byo iri shami rikora mu Rwanda ni :

- gukingira abana
- gutanga imiti n'ibikoresho by'ubuvuzi
- gufasha kurwanya SIDA.

Muri rusange, intego z'umuryango w'abibumbye zari nziza iyaba zubahirizwaga. Ariko aho kuba bityo umuryango wabonye igikoresho cy'ibihugu bikize mugukomeza gukandamiza ibihugu bikennye.

B. UMURYANGO W'UBUMWE BW'AFURIKA

Nyuma y'intambara ya kabiri y'isi abanyafurika bamwe bari bamaze guhumuka batangiye guharanira ubwigenge. Bishyize hamwe mu kurwanya ubukoloni, bishyira hamwe mu kurwanya iyo ngoyi. Kubera amacakubiri y'abanyafurika bonyine byari ngombwa y'uko:

- barwanya amacakubiri, bazana ubumwe bw'abanyafurika;
- bakarinda amahoro n'umutekano w'Afurika.

Rwanda yari mu bihugu 31 byashyize umukono ku masezerano awushinga.

AKAMARO KUYU MURYANGO MU RWANDA.

- U Rwanda ruvugiramo ibibazo byarwo, rukanashakiramo inshuti
- Uyu muryango wagize uruhare runini mu gushaka uburyo bwo gucyemura ibibazo by'u Rwanda mu nzira y'amahoro.

C. UMURYANGO W'UBUKUNGU W'IBIHUGU BITURIYE IBIYAGA BIGARI (C.E.P.G.L.)

Uyu muryango ugizwe n'ibihugu ZAIRE RWANDA, n'UBURUNDI ikicaro cyawo kiri GISENYI (buri gihugu kiwuyobora igiye cy'umwaka.

*** Intego za C.P.G.L. :**

1. Kurinda amahoro n'umutekano ku mipaka y'ibihugu biwugize.
2. Gushaka no gushyigikira ibikorwa byo guteza imbere ubukungu bw'ibyo bihugu
3. Kworoshya ubuhahirane n'ingendo z'abantu hagati y'ibihugu
4. Gufatanya mu byerekeye imibereho y'abaturage, ubukungu, ubucuruzi, ubuhanga, umuco, Politike, ingabo, imari ubwigenge, ubukerarugendo, ubutabera, gasutamo, isuku, ingufu z'umuriro, gutumanaho n'ibindi.

Uyu muryango wagaragarije u Rwanda akamaro kanini iyaba imishinga yawo yakorwaga yose nk'uko bikwiye.

- cyakora hari umushinga w'amashanyarazi (RUSIZI II) n'uwo kuvana umwuka wa Methanie muri Lac KIVU.
- Ubworoherane bw'ingendo hagati y'ibihugu byose.

4. UMURYANGO W'IBIHUGU BITURIYE ICYIGOGO CY'URUZI RW'AKAGERA O.B.K. (K.B.O).

Amasezerano ashingira uyu muryango yashyizweho umukono n'abakuru b'ibihugu bitatu BURUNDI-TANZANIA-RWANDA kuya 24 KAMENA (Juin) 1977. Uganda yawinjiyemo muri GICURASI 1981.

- Uyu muryango ugira umurongo wa telephone uva mu Rwanda ujya muri ibyo bihugu bindi.
- Uyu muryango ufite intego zo gukoresha ingufu z'amazi gutwara abantu n'ibintu mu mato muruzi rw'akagera.
- Ufite n'inshingano yo gutunganya no guteza imbere ibiyaga n'ibishanga biri mu cyagogo cy'akagera.
- Ufite intego zo gucuruzanya hagati y'ibihugu biwugize.

5. UMURYANGO W'UBUKUNGU W'IBIHUGU BY'AFURIKA N'AMAJYEPFO N'IYI BURASIRA ZUBA (C.E.E.A.C)

Uyu muryango washinzwe italiki ya 27/10/1983, Rwanda nayo iri mu bihugu biwugize.

- Uyu muryango ufite intego zibanze zo kuzahura ubukungu no kubukomeza mu bihugu bigize umuryango bishingiye kugukubahirana
- kugabanya cyangwa gukuraho imisoro ku bicuruzwa biva mugihugu kimwe bijya mu kindi.
- Gukuraho amananiza kubyerekeye ingendo z'abantu n'ibintu ku mipaka y'ibyo bihugu.

Ibi byose nibyiza, ariko kubera kudashobora kugera ku ntego zawo uyu muryango nturagira icyo ukora. Ntawavugaga rero ko hari akamaro uragirira u Rwanda.

6. UMURYANGO UHUJE IBIHUGU BY'AFURIKA KARAIBI NA PACIFIKA N'IBIHUGU BY'IBURAYI BW'UBURENGERA ZUBA A.C.P/Z.E.P.

Ibi bihugu by'ibumbiye hamwe bishaka gukorana na C.E.E cyangwa E.E.C (European Economic community) kugirango bitere intambwe ndende mumajyambere. Kubera yuko byagirango byubake ubukungu bushingiye ku nganda, byakiriye imfashanyo zivuye mu bihugu by'iburayi.

Imyaka ibaye 17 uyu muryango utangiye ku mugaragaro. Mu Rwanda uyu muryango watanze imfashanyo mu mishinga myinshi. Imwe muri yo n'iyi :

1. Guteza imbyaro imbere.

Urugero : igiturage cy'ibugesera n'umushinga w'ubuhinzi muri Crête-Zaire Nil.

2. Kubaka imihanda :

- umuhanda KIGALI-BUTARE
- umuhanda BUTARE-CYANGUGU

3. Muburezi :

- Ishuri ry'ubuhinzi muri BUTARE
- Kaminuza yo muri RUHENGARI (NYAKINAMA)

4. Mubyamashanyarazi :

- Urugomero rwo kuri MUKUNGWA
- Kubaka inzira z'amashanyarazi

5. Mu rwego rwa STABEX

- Ku musaruro w'ibireti wa Pureteri mu mwaka wa 1978
- Ku musaruro wa kawa mwaka wa 1980

Hari n'ibindi uyu muryango wakoze mu Rwanda birimo no kuruha imfashanyo zituruka muri Banki y'Uburayi ishora imari mu mishinga (Banque Europeene des investissements BES)

Muri rusange, mu bihugu bya A.C.P ikigaragarira umuntu wese ni uko ubukungu bwakomeje kuzahara aho gutera imbere mu nzego zose; imari umusaruro, imihanda, ubuvuzi, ubutegetsu bw'igihugu n'ibindi byose byarazambye ubukene bwariyongereye.

Ubufatanye rero ningombwa mu bihugu biri mu karere kamwe cyangwa ibyo mu mpande zose z'isi kubera yuko ubuhahirane kandi bigafatanyaga muri byose.

Ubufatanye bushobora kuba hagati y'ibihugu bihana imbibi cyangwa se mu ma Perefegitura y'igihugu. Bukunze kuba hagati y'ibihugu bifatanye ubushuti.

Ubugahahirane ngingombwa mu bihugu byinshuti cyangwa ibihanye imbibi, kubera yuko;

- a) Nta gihugu cyihaza muri byose nko mu bikoreho, abakozi n'amafaranga. Nta gihugu cyihaza k'umugaruro nk'isukari, isabune, ciment etc... bikaba ngombwa yuko bihahirana bikagura ibyo bitihagijemo mu bindi bihugu byo hanze.
- b) Habaho n'igihugu gishobora kutagira umugaruro mu gihingwa runaka bikaba ngombwa yuko kigikura ahandi.
- c) Ibihugu bigomba gufatanya mu bakozi no mu bikoreho
- d) Ibihugu ntabwo bigira umutungo karande usa (different natural resources) ibihugu biweme bigira amabuye y'agaciro kurusha ibindi. Ibindi bikagira amashyamba menshi, amazi magari n'ibindi byatuma bahahirana biva muri uwo mutungo.
- e) Ibihugu bimwe bigira ubugahahirane kubera impamvu za politiki.

Urugero : nka (common wealth countries): Ibihugu by'ibihangange bifatanya cyane cyane kubera impamvu za politiki.

- ibindi bihugu bihahirana kubera gushaka amashyamba.

Ibi byose bigira akamaro mw'iterambere ry'igihugu kubera yuko :

- Byongera umugaruro w'umutungo hakabaho imibereho myiza y'abaturage.
- Byongera amashyamba y'imugaruro y'ibihugu bicuruzanya.
- Bigabanya ibiciro by'ibigurwa n'ibigurishwa mu bihugu byombi.
- Bituma habaho ipiganwa mu kubyara umugaruro mwiza ufite igiciro gihanitse.

Urugero : Byongera :

- ubwiza (quality)
- ubwinshi (quantity)
- gukora neza (efficiency)
- bikagabanya igihombo
- byongera iterambere rya (technology) - ubukolikoli buhanitse.

- Byongera isoko ry'ibikoresho by'ibanze (raw materials).
- bituma tuva mukubyara umusaruro w'ibihingwa ngandurarugo tukabyara uwibihingwa ngengabukungu
- byongera ubumenyi bw'abakozi bigatuma habaho umusaruro mwinshi.

f) UMUSOZO

Dukurikije ibyiza by'ubufatanye n'ubuhahirane, byaba ngombwa yuko u Rwanda ruvugurura imibanire yarwo n'amahanga. Rugasesengura imiterere y'uwo mubano iyariyo. Kuko byagaragaye ko ibihugu byinshi byabanye n'u Rwanda byari bifite izindi ntego bwite. Ntibyari bigamiye kurufasha gutera imbere, ahubwo kwari ukurusenya.

VII KWIHAZA MU MAFARANGA NO KUZIGAMA

1. Intego

1. Kwerekana ukuntu abantu bihaza mu mafaranga
2. Kwerekana uko abantu bazigama n'akamaro ko kuzigama.
3. Kwerekana impamvu zituma abantu batihaza mu mafaranga.

2. INTERURO :

Kwihaza mu mafaranga ni ukubona umusaruro uhagije, ku buryo habaho gusagurira amasoko, kwiteganyiriza, kugura icyo ushatse mu mibereho y'igihugu cyangwa ya buri muntu.

Igihe igihugu cyihagije mu mafaranga kigomba kugena uko akoreshwa. Kwihaza mu mafaranga bibaho ari uko :

- Umusaruro uhora wiyongera, ni ngombwa yuko igihugu cyahindura umuco wo kurarikira imfashanyo (dependency) bikibanda kongera umusaruro bikoresheje ibyibanze (raw materials) biva mu gihugu cyabo, kugirango bihaze basagurire n'amasoko.

3. Kwihaza mu mafaranga.

* Kwihaza mu mafaranga, byazanwa n'ibintu bitatu bikurikira:

- a) Guhuza (integration) (physical institutions)

Ibintu bifatika bibyara umusaruro.

Urugero : amasoko, inganda, imihanda, amazi, amashanyarazi, imibanire, n'imibereho y'abaturage. Ukamenya uti aha abaturage bakeneye ibi n'ibi, cyangwa aha hera iki n'iki, cyangwa umuco wahano ni uyu n'uyu.

- b) Guhuza inzira zose zakongera umusaruro: ubuhinzi, ubworozi, ubukorikori n'ibindi n'ibigurishwa mu gihugu n'ibigurishwa hanze y'igihugu.

- c) Guhuza amasoko kurwego rw'akarere, urw'igihugu umugabane w'isi cyangwa se urw'isi yose. Ibi bituma hatabaho kubura amasoko.

Ikindi kwihaza mu mafaranga bituruka ku miterere y'igihugu ubwacyo (geographicalhy). Bimwe biri kure y'amazi, ibyo ntabwo byacuruzanya n'amasoko mpuza mahanga.

Muri Afurika, n'ibindi bihugu bikennye birakomeye kugirango igihugu cyihaze mu mafaranga. Ibihugu bihora biri mu bukene, ibindi biri mu myenda. Ibi akenshi n'akenshi biterwa n'uko hari ibikoresho bike kandi abantu ari benshi, umutekano w'abantu n'ibintu muke, itaka rihingwa rikaba rishaje nta bukolikoli (technologie) buhambaye buhari.

* IGIHUGU CYAKWHAZA MU MAFARANGA GITE ?

- a) Kuvugurura ubuhinzi n'ubworozi : guhinga imbuto z'indobanure, korora kijyambere; kubyitaho ku buryo byakongera umusaruro.
- b) Kwegurira ibikorwa by'amajyambere abanyagihugu kugirango amafaranga ajya hanze y'igihugu agabanuke. Ibyo bigatuma umusaruro w'igihugu wiyongera.
- c. Kigabanyije umubare w'ibigurwa hanze (Imports), bakongera umubare w'ibigurishwa hanze (exports), igihugu ntabwo gikwiye kugurisha umusaruro w'ibanze kitabanje (raw materials) nka kawa, amajyani, (copper) umuringa, kuwutunganya. Iyo bigurishijwe bitunijwe ntihendwa.
 - Byongera umusaruro, (quality)
 - Bigabanya irari ry'ibiva mu bihugu byo hanze
 - Iyo hari umusaruro uhagije imirimo iriyongera hagakenerwa abandi bakozi, byashoboka ibihembo bikiyongera.

Ibi byazana iterambere ry'ubukolikoli buhambaye byatuma habaho kwihaza mu mafaranga.

- d. Habayeho kubaka inganda z'ibintu (ubuhinzi n'ubworozi) biboneka mu gihugu, hamwe n'izihindura ibikoresho byibanze. Byose byatuma habaho ubwiza n'ubwinshi by'umusaruro wo mu gihugu.
- e. Guteza ibyaro imbere mubukungu, kongera inganda nto n'amasoko mu byaro.
- f. Guteza imbere inganda, ubucuruzi, amasoko gukora neza.
- g. Gutanga inyigisho zituma umuntu ashobora kwiremera akazi
- h. Kwishyira ukizana mu bya Politiki byashishikariza abaturage kwikorera no gukorera igihugu cyabo no kurushaho kugikunda.

4. KUZIGAMA

- * Kuzigama ni ukwiteganyiriza igihe kizaza. Iyo habayeho kwihaza mu mafaranga, ni ngombwa ko abantu bazigama.
- * Ariko nanone ntazategereza kuzigama ari uko amaze kugwiza umuntu agomba kuzigama atagombye gutegereza kwihaza no gusagura.

Ingero : Abantu bazigama amafaranga muri banki, bakubaka amazu, ubworozi, amasambu, ibibanza.....

- * Kuzigama bigoboka nyiri kwiteganyiriza iyo bibaye ngombwa, iyo agize ibibazo.

5. UMUSOZO

Kugirango abanyarwanda babashe kurya neza, kwambara neza, kwivuza, kwigisha abana babo, kugira ubuzima bwiza no guteza igihugu imbere, ni ngombwa ko bakwiga ukuntu bakwihaza mu mafaranga no kuzigama.

Mu Rwanda kimwe no mu bindi bihugu bikennye, abaturage ntashobora kwihaza kandi ngo bazigame nkuko bakwiriye bitewe nuko umusaruro wabo uba ari muke cyane.

Abaturage bakwiriye gushaka uburyo bakongera umusaruro wabo bakoresheje uburyo bwose bushoboka kugirango babeho neza kandi biteganyirize. Ariko kandi nubwo umusaruro ukunze kuba udahagije bagomba kugereranya bakagira igice bakoresha n'icyo biteganyiriza mu bihe bizaza.

Bakwiriye gukangurirwa kubitsa mu mabanki y'abaturage mu isanduku yo kuzigama. Leta nayo ikwiriye gukwirakwiza ibyo bigega hirya no hino mu gihugu kugirango iborohereze.

BIBLIOGRAPHIE

1. LA POSSIBILITE D'EMPLOI, DES JEUNES
Guy Bedars Bonifac T. COTS OP 1981
2. COMMENT TROUVER UN EMPLOI
Bordas, Paris, 1983
3. LE DEFFI DE L'EMPLOI POUR LE RWANDA
Rapport de la mission phrdisciplinare pour une étude
d'ensemble actualisée 1983 - 1984.
Mission conduite par le professeur Hasmann 1988.
4. KONGERE Y'AMASHYIRAHAMWE MU MA PREFECTURE GICURASI 1991
5. IMBONERAHAMWE Y'IBIBAZO BY'IBARURA RY'IBIKORWA BIHA
URUBYIRUKO AKAZI MURI SEGITERI AVRIL 1988
6. AFRICAN ALTERNATIVE FRAMEWORK TO STRUCTURAL ADJUSTMENT
PROGRAMMES FOR SOCIO-ECONOMIC RECOVERY AND TRANSFORMATION:
UNITED NATIONS ECONOMIC, COMMISSION FOR AFRICA 1986.